

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITERI Y’UBUTABERA

IJAMBO RYA MINISITIRI W’UBUTABERA AKABA N’INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIRA KW’ABAGENZACYAHA

Kigali 26 Ugushyingo 2019

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru w’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;
Ba Nyakubahwa bayobozi mu nzego zitandukanye za RIB;
Abagenzacyaha tumaze kwakirira indahiro;

Ndabasuhuje.

Kuba Leta yarashyizeho Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) yifuzaga ko
Ubutabera bunozwa kandi hakihutishwa ikorwa ry’amadosiye;

Ni muri urwo rwego tubasaba gukomeza gukorana ubunyangamugayo mushyira mu bikorwa
amasomo mwahawe kandi murushaho kwegera abatwaga, mukabamenyesha uburenganzira
bwabo, munabakangurira kwirinda ibyaha.

Umwuga mwinjyemo w’Ubugenzacyaha ni mwiza ariko unasaba ubwitange buhagije kuko
arimwe mushinzwe gukumira ibyaha, kubitahura no gukora iperereza igihe byakozwe mugakora
dosiye yujuje ibimenyetso, mukuzuzanya n’izindi nzego kugira ngo hatangwe ubutabera bunozwe,

iby byose bikaba bigomba gukorwa m'ubushishozi n'ubunyangamugayo, hirindwa kubogama kugira ngo ubutabera twifuza bugerweho neza.

Nagira ngo nkoreshye uyu mwanya ngaruke ku byaha bimwe tugomba kurwanya twivuye inyuma.

Icyambere n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gusambanya no gutera inda abana. Nk'igihugu turambiwe ibi byaha cyane cyane byibasira abagore n'abakobwa. Ibi byaha bigomba kurwanywa mu ngo n'ahandi hose abantu baba. Kandi buri umwe afite inshingano zo kubyamagana no gutanga amakuru abireba kugira ngo bikumirwe cyangwa bikurikiranwe.

Ariko nkamwe bagenzacyaha, mu bushishozi n'ubwenge musabwa gukorana imirimo, murasabwa namwe kugaragaza ko murambiwe n'ibi byaha-mu gihe iperereza risanze ubiregwa yarabikoze. Amategeko arahari, ahasigaye ni kuyashyira mu bikorwa. Ibi birasabwa no ku rwego rw'ubushinjacyaha ndetse n'inkiko. Imyumvire tugomba kugira ku guhohotera abagore, gusambanya abana ni uko bigomba gucika.

Ntibyacika hakiri abatinyuka kubikora. Dukwiye gukora ku buryo nta muntu yaba muti, yaba mukuru, yaba abifashijwemo n'umuryango ubitinyuka. Turabirambiwe.

Ibindi n'ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga, ruswa n'ibiyishamikiyeho, n'ibiyobwabwenge. Ingamba zo kubirwanya dukomeze kuzisuzuma kugira ngo tumenye ko zituma ababirimo babacikaho cyangwa bagahura n'ibihano amategeko abiteganyiriza.

Nagira ngo ariko mbabwire ko nubwo hari ibyaha biba bifite ubukana bwinshi butewe n'uko bikorwa, ingaruka zabyo n'imibare yabyo, buri cyaha, igitu cyangwa igikomeye, kirababaza –turasabwa kubirwanya umunsi ku munsi.

Murasabwa by'umwihariko muri uyu murimo wanyu kwirinda ruswa iyo ariyo yose n'ibindi byose byatuma mugaragaza isura mbi y'urwego mukorera, mukarangwa n'indangagaciro na kirazira tugenderaho nk'Abanyarwanda. Mu gukurikiranana ibyaha nta marangamutima bibamo. Iyo agiyemo birananirana.

Abagenzacyaha 130 murahiye, ni umubare munini, twizeye ko muzatanga umusaruro uhagije mukaziba icyuho aho kigaragara mukanihutisha ikorwa ry'amadosiye.

Turabashimira kuba mwarahisemo gukora uyu mwuga w'Ubugenzacyaha, mugakurikirana amahugurwa neza ndetse mukabasha no kuyasoza, ni bimwe mubitugaragariza ko mufite ubushake n'ubushobozi bwo kuzakora neza imirimo yanyu nkuko mumaze kubyiyemeza mundahiro zanyu.

Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu nabwo bwiteguye gukomeza kubaba hafi kugira ngo imikorere y'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha irusheho gukomeza kugenda neza; Mbifuriye ishya n'ihirwe mu mirimo yanyu.

Mugire amahoro.